

ABAHANUZI BO MU ISEZERANO RYA KERA



Icyigisho cya 3 cyo ku wa
17 Ukwakira 2026



«Yehoshafati
arahagarara aravuga
ati "Nimunyumve
yemwe Bayuda
namwe abatuye i
Yerusalemu, mwizere
Uwiteka Imana yanyu
mubone gukomezwa,
mwizere n'abahanuzi
bayo mubone
kugubwa neza."»

(2 Ngoma 20:20)

Mu gihe cy'Isezerano rya Kera, abantu bahabwaga ubutumwa n'Imana kugira ngo babugeze ku bandi bitwaga bamenya cyangwa abahanuzi (1 Samweli 9:9).

Bari bafite ubushobozi bwo kumenya ibihishwe, ndetse n'ibizaba (1 Samweli 9:6), ariko umurimo wabo ntiwagarukiraga kuri ibi gusa; wari ukubiyemo ibirenze ibyo. Birumvikana ko ubwo bushobozi butaturukaga kuri bo ubwabo, ahubwo bwaturukaga ku Mana.

Ariko hari n'abahanuzi b'ibinyoma bavugaga "ibihimbwe n'imitima yabo" (Yeremiya 23:16).



Ni bande bahamagariwe umurimo w'ubuhanuzi?

Abahanuzi bitwaraga bate?

Ni uwuhe murimo abahanuzi bakoze?

Ni abahe bagore bari bafite impano yo guhanura?


Ni ibiki byarangaga abahanuzi b'ibinyoma?

NI BANDE BAHAMAGARIWE UMURIMO W'UBUHANUZI?

“Dore Eliya yari umuntu umeze nkatwe asaba cyane ko imvura itagwa, imvura imara imyaka itatu n'amezi atandatu itagwa.” (Yakobo 5:17)


Dushobora kugwa mu ikosa ryo kumva ko abahanuzi bari “ibitangaza.” Ariko Mose yariseguye kuko atari azi kuvuga (Kuva 4:10); Yesaya yavuze ko yari umunyaminwa yanduye (Yesaya 6:5); Yereimiya yumvaga kuba muto bitamukundira gukora uwo murimo (Yereimiya 1:6).

Eliya, watinyutse gukangisha Umwami Ahabu amapfa akomeye kubera ubugome bwe, bivugwa ko “yari umuntu nkatwe” (Yakobo 5:17).




Nyuma y’uko Eliya akoze igitangaza gikomeye, yaratentebutse bikomeye ubwo Umwamikazi Yezebeli yamukangishaga urupfu (1 Abami 19:2–4).

Biragaragara ko Imana idatoranya abahanuzi bayo kubera ko ari intungane. Ni iki ibabonamo? Urukundo bakunda Imana n’ubushake bwabo bwo kuyumvira.



ABAHANUZI BITWARAGA BATE?

"Mikaya arayisubiza ati 'Ndahiye Uwiteka uhoraho, icyo Uwiteka ambwira ni cyo ndi buvuge' " (1 Abami 22:14)



Abahanuzi n'abahanuzikazi, nk'abavugira Imana, baharaniye kubahiriza umuhamagaro wabo (1 Samweli 12:3–4). Abantu bari babazi nk'“umuntu w'Imana,” “umuntu wubahwa” (1 Samweli 9:6).

Abanze kwemera ubutumwa bwabo baranabangaga ndetse bakanabakangisha (1 Abami 22:8, 27). Ariko nubwo abahanuzi baturaga n'igitutu gikomeye, batangaga ubutumwa bwabo bakiranutse.

Mikaya yagaragaye imbere y'abami babiri, abahanuzi 400 batanze ubutumwa bubanezeza, n'umurinzi wamugiriye inama yo guhuza n'uko ibintu byari biri (1 Abami 22:10–13). Nyamara, yahagaze ashikamye maze yanga kuvuga ikindi kitari icyo Imana yamuhishuriye (1 Abami 22:14).

Ntibari intungane, ariko bari abagabo n'abagore basenga, badahemuka ku ljambo ry'Imana; abagaragu b'Imana n'ubwoko bwayo (1 Samweli 12:23; Yereimiya 42:4).



NI UWUHE MURIMO ABAHANUZI BAKOZE?

"Na Yehu mwene Nimushi na we uzamwimikishe amavuta abe umwami w'Abisirayeli, kandi na Elisa mwene Shafati wo muri Abeli Mehola, uzamusukeho amavuta abe umuhanuzi mu cyimbo cyawe." (1 Abami 19:16)

Bimwe mu bindi byinshi abahanuzi bakoze, harimo iyi mirimo bakoreye:



Abami

- 👑 Babasize amavuta (1 Abami 19:16)
- 👑 Babateraga umwete iyo bakoraga ibyiza (2 Ngoma 15:8)
- 👑 Barabacyahaga iyo bakoraga ibibi (1 Abami 21:20)

Abatambyi

- 👑 Barabacyahaga iyo bakoraga ibibi (Malaki 2:1–2)

Ubwoko

- 👤 Babahuguriraga inzira z'Imana (Mika 6:8)
- 👤 Baberekaga ibyaha byabo (Yesaya 58:1)
- 👤 Babararikiraga kwihana (Ezekiyeli 18:32)

Twebwe

- 📖 Ubutumwa bwabo babudushyiriye mu nyandiko (2 Ngoma 13:22)

NI ABAHE BAGORE BAGIZE IMPANO YO GUHANURA?

"Icyo gihe umucamanza w'Abisirayeli yari Debora umuhanuzikazi, muka Lapidoti" (Abacamanza 4:4)

Isezerano rya Kera rivuga abahanuzikazi batanu. Umwe muri bo, Nowadiya, yari umuhanuzikazi w'ibinyoma (Nehemiya 6:14). Ku bijyanye n'undi, ari we mugore wa Yesaya, ntituzi niba yitwa umuhanuzikazi kuko yari afite iyo mpano, cyangwa kuko yari umugore w'umuhanuzi (Yesaya 8:3).



MIRIYAMU. Nk'umuhanuzikazi, yayoboye abagore mu ndirimbo nyuma yo kwambuka Inyanja Itukura. Yanafashije abavandimwe be kuyobora abantu mu rugendo rwabo mu butayu (Kuva 15:20; Mika 6:4).



DEBORA. Yagize inshingano ebyiri z'umuhanuzikazi n'umucamanza, kandi ayobora ubwoko mu ntambara na Sisera, ari kumwe na Baraki. Banesheje, yaririmbye indirimbo y'ubuhanuzi yo gushima Imana (Abacamanza 4:4–9; 5:1).



HULIDA. Yosiya yamubajije iby'igitabo cy'amategako cyari cyabonetse. Ikigeretse ku gusubiza ikibazo cy'umwami, yanamubwiye amagambo amutera umwete (2 Abami 22:14–20).

NI IBIKI BYARANGAGA ABAHANUZI B'IBINYOMA?

"Maze Uwiteka arambwira ati 'Abahanuzi bahanura ibinyoma mu izina ryanjye, si jye wabatumye kandi sinabategetse, haba no kuvugana na bo. Babahanurira iyerekwa ry'ibinyoma, n'iby'ubupfumu n'ibitagize umumaro, n'uburiganya bwo mu mitima yabo.' " (Yeremia 14:14)

Si ko abahanuye bose bari barahawe ubutumwa buturutse ku Mana (Yeremiya 14:14). Ubutumwa bwabo bwari ubuhe, kandi kuki babutanze?

Bahimbye ubuhanuzi bwabo bwite (Ezekiyeli 13:2, 17)

Bavugaga ibyo abantu bashaka kumva (Ezekiyeli 13:16)

Ntibavuze bamagana icyaha (Ezekiyeli 13:22)

Bishakiraga indamu zabo bwite (Ezekiyeli 13:19)

Kuki umuntu yakwihandagaza avuga ko avugira Imana kandi azi neza ko atari ukuri? Kwishuka? Irari ryo kumenyekana, cyangwa indamu z'amafaranga cyangwa ibindi?

Ikintu kibabaje cyane ku bahanuzi b'ibinyoma nuko hari abantu babatega amatwi bakabakurikira. Bakunda ibyo bavuga kuko nta mbaraga bisaba kandi ntibihungabanya ibyo bararikira. Ariko gukurikira inzira yabo nta handi bijyana uretse ku rupfu.

Umuhanuzi w'ukuri ahora aburira abantu ku kaga k'icyaha, kandi agashishikariza abantu kuba indahemuka batitaye ku ngaruka.



“Nta n’umwe mu ntumwa n’abahanuzi wigeze avuga ko nta cyaha afite. Abantu bagiranye umushyikirano n’Imana, abashoboraga kwitanga ubwabo aho kugira ngo bakore ikibi babizi, abo Imana yahaye icyubahiro ikabaha umucyo n’ubushobozi mvajuru, bagiye bātūra icyaha cya kamere yabo. Ntibigeze biringira umubiri, ntibigeze bavuga gukiranuka kwabo bwite, ahubwo biringiraga rwose gukiranuka kwa Kristo.”

UMUGEREKA: UMUHAMAGARO W'UBUHANUZI WA ELINA G. WHITE

Nyuma y'iyerekwa rya mbere rya Elina White, yumvise atiteguye neza gusohoza umurimo we w'ubuhanuzi. Kubera ubuzima bubi n'amashuri make, uyu mukobwa w'imyaka 17 yumvise adakwiriye kandi adashoboye gusohoza umuhamagaro we.

Nyuma y'icyumweru kimwe, yahawe iyerekwa rya kabiri aho yaburiwe ku birushya yari kuzahura na byo mu murimo. Nyuma yo gusenga cyane, no gushyigikirwa na bamwe mu bavandimwe be, Elina yemeye umuhamagaro we.

Mu gihe kitarenze imyaka makumyabiri, nyuma y'amayererekwa menshi, kandi ashyigikiwe n'umugabo we—James White—, Elina yagize uruhare mu gushinga imfatiro z'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi (ryanditswe ku mugaragaro mu 1863).



Umurimo we wagize uruhare runini mu gushyiraho gahunda z'ubuzima n'uburezi by'Abadiventisiti, kandi yasize impapuro zigera ku 100.000 z'inyandiko zahumetswe zikomeje gutangariza isi yose ibyo Imana yahamije.

